f.c.



K0165401

| | |
|---|---|
| *Identification* | *: C.30/K95 13/14/01/94 0152* |
| *Durée* | *: 60 Minutes* |
| *Qualité* | *: Moyenne* |
| *Transmission* | *: RTLM* |
| *Nom du transcripteur* | *: UWAMAHORO M.Vianney* |
| *Date de la transcription* | *: Le 08-10/05/2000* |
| *Nom du fichier* | *: 0152.wpd* |
| *Dictaphone* | *: Sanyo<br>Modèle TRC-8080<br>Série P8806620* |

K0165402

***FACE A :***

* *Noël parle d'un communiqué des Tutsi qui dénoncent les Inyenzi Inkotanyi.*

* *Gahigi critique le premier ministre Madame Uwirigiyimana Agata qui n'honore pas ses engagements.*

* *(Une grande partie est inaudible)*

***FACE B :***

* *Noël parle des différentes négociations entre le FPR et le gouvernement rwandais.*

* *Noël parle d'une manifestation des Tutsi à Bujumbura.*

* *Noël annonce un communiqué des Tutsi rwandais qui sont contre les Inyenzi Inkotanyi parce que ces derniers sèment la segrégation ethnique.*

* *Critique du message du premier ministre Agathe Uwiringiyimana par Gahigi et Noël.*

K0165403

***Face A***

***Orateur*** **:** ***Noheli HITIMANA, journalitse à la RTLM***

... Abatutsi barayizanira bati "twebwe turiyama Inyenzi, turiyama ziriya Nkotanyi zishaka kugira ngo zizane akaduruvayo muri iki gihugu". Bati "Abatutsi turaziyamye kubera ko HABYARIMANA Yuvenali Perezida wa Repubulika yatuzaniye MRND, ishyaka him, ry'ubumwe n'amahoro" bati "turaryitabira, tubijyamo, turakira, turakomeza turakora tu... intambara iba iraje, ije rero bagira ngo ni demukarasi bagiye kutuzanira", bati "none demokarasi aho igeze twarahabonye, twe..ntabwo ari na demokarasi ni ukugira ngo tu... dushire, tumarane". Abo Batutsi ejo barabiyamye. Iryo tangazo wenda... nibiba ngombwa n'ejo... ndibuze kongera kuribasomera ariko barabiyamye! None se niba Abatutsi batangiye ku... kwiyama Abatutsi, hi! Uriya mudamu we sinzi ubwoko bwe, hi..! We aziyama nde? Aziyame? Aziyiyame we ku... ku giti cye bwite cyanga aduhe amahoro, cyangwa yemere iyo akazi kakunaniye urademisiyona ni bwo butwari.

***Orateur*** **:** ***GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM***

Hum. Umva ubundi... ubundi... (arimyoje) sinzi niba twabona n'aho umuntu yahera, ubundi Abanyarwanda baravuze bati "uvuze ko nyir'urugo yapfuye ntago aba ari we umwishe". Ikintu rero cyatumye abantu bikorera RTLM ngo ni uko yavuze ko hari ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi nk'aho ari yo yagihimbye, nk'aho ari yo igishyizeho. Ivuze ko kiriho kandi kiriho. Ibyo bintu twarabivuze ndetse na yo yakoze ikiganiro o... mpaka, ikiganiro mpaka n'abantu nka Karoli NKURUNZIZA, nka BARAYAGWIZA Yohani Bosco, nka madame MBONAMPEKA Marie Claire, nka... R... RWABUKWISI Ravi tuganira icyo kibazo tuza kubona ko ikibazo cy'amoko koko kiriho. Ese ubwo ni RTLM yagihimbye? Kuvuga ko kiriho ahubwo ni ukugirira neza igihugu kugira ngo icyo kibazo gishakirwe umuti, kuko gukomeza kugififika si ukuvuga ko kiba kitariho. Si ukuvuga ko kiba kitariho, ikibazo rero kiriho kandi, nkunze kuvuga ko itangazamakuru atari ryo rihimba ibibazo ahubwo rivuga ibibazo biriho kugira ngo bi... bibonerwe umuti. Kandi uko itangazamakuru,

ibinyamakuru byaba ibyandikwa, byaba nk'amaradiyo, byaba amateleviziyo ntabwo ari byo bibonera umuti ibibazo, ababona umuti ni Inzego z'ubutegetsi ziri mu gihugu ahubwo ibinyamakuru bigafasha izo Nzego kugeza uwo muti kuri rubanda kugira ngo bawunywe zikawamamaza, zikamamaza uwo muti ariko ntago abanyapolitike bo mu Rwanda bazananirwa akazi kabo ngo bavuge ngo itangazamakuru rizabakorera akazi, ntago bibaho. Abanyapolitike nibumve akazi kabo, Ministre w'Intebe niyumve ko ari Ministre w'Intebe afite programme ashinzwe, ...

***Orateur : Noheli HITIMANA, Journaliste de la RTLM***

Politike,... politike (inaudible)

- Ahubwo, ...

- Asabe ibinyamakuru kumufasha...

- Huu..

- Gukora iyo politike, gushyira mu bikorwa iyo politike, ariko ntago ibinyamakuru bizamukorera politike mu mwanya we! Ntago ibyo bintu bishoboka! Nkagira ngo rero ngire ikintu nongeraho, (arimyoje) ye... sinzi ikintu... ururondogoro rwateye mu Baministre b'Intebe bacu iyo bagiye kuvaho. Buri gihe...

- (arasetse)

- Ugiye kuvaho wese akora amarorerwa, akavuga ibitagombye kuvugwa, akivuguruza buri munsi...

-Ye...

- Ibyo bintu... iyo ndwara sinzi aho yavuye, ariko iyo Umuministre w'Intebe agiye kuvaho mu Rwanda...

- E...

- Buri gihe...

- (arasetse)

- Agenda yivuguruza buri munsi akavuga amagambo yavugwa n'umuturage. (arimyoje) Ntabwo mvuga ari ukuvuga... (arimyoje) ntabwo ari ugu...nenga abaturage...

- Huu...

- Ndavuga wa wundi Cencinatusi navuze...

- Huu !

- Bavanye mu murima bamushyira mu ngoro akabura aho ahera, akabura uko avuga. Umunyapolitike afite uko avugwa! Umuturage afite uko avuga, cyane cyane amazemo ukwezi kumwe, amezi abiri, amezi atatu...

- (voix superposées)

- Akwemera ko ...nakwemera ko umunyapolitike avuga nk'umuturage! Ngo "se Perezida" ngo si nguriya aragiye"! Ntabwo ari byo! Ngo "arabacitse", ngo "si nguriya"! Ntago ari byo.

- Oya.

- Yee, uko umunyapolitike yitwara hari ibimuranga mu bikorwa, hari n'uwavuze ati "iyo wemeye kuba umunyapolitike" ati "hari ingeso nyinshi ugomba kuryamira. Niba wari umusinzi ntuze ngo uvuge wasinze, ukabireka". Utabireka ukareka politike se nyine. Ntago rero twakwemera ko umuntu... w'umuki? W'umunyapolitike wo mu rwego rwa Ministre w'Intebe avuga ijambo n'umwana yanenga. Mu Rwanda ntabwo tubuze abanyapolitike! Ntabwo rero (arimyoje) cyane cyane ku muntu w'umutegarugori njye ndabona bimutesha icyubahiro ndetse hari n'umu... n'abategarugori bavuga bati... bati "rwose uwo mutegarugori ntabwo atwubahiriza" bati "arakomeza ku...vuga ibintu (arimyoje) bitubahiriza abategarugori". Bati "rero ibyo bintu ntabwo ari byo". Ariko se GAHIGI kugira ngo... dufite saa tanu, kugira ngo... (arimyoje) nari ngiye kuvuga ngo nkurekure boshye mvuga ngo nagushe, (arasetse) kugira ngo nkurekure (inaudible) ingorane muri iryo jambo yavuze...

- Huu.

- Yavuze ati "murabona izi ngorane turimo, murabona ko abari... bari mu myigaragambyo kubera ko Gouvernement idashobora gukora ngo itore budget". Ibyo ni bintu byose umuntu uzi politike n'iyo atame... nta n'ubwo ari ngombwa kumenya politike umuntu uzi uko budgets zijyaho aba arimo arigaragambya, ngo uwasaba amafaranga yo mu kwezi kwa cumi na kabiri k'umwaka ushize. Ntago wasaba uk... uyu... umushahara w'ukwezi kwa mbere... iyi Gouvernement se yari kwiga budget y'umwaka ushize? Ko amafaranga (inaudible) batabona ari ay'umwaka ushize? Ubu se urumva hari aho bihuriye koko Noheli?. (arimyoje) Ubwo se... ahubwo yavuga ati "icyavu... icyatumye amafaranga abura ni iki",

- Aha.

- Ariko ntavuge ngo ati "bilan y'umwaka ushize yabaye négatif" turayabura, turayabura.

- Aa...

- Kandi ni we Ministre w'Intebe ahubwo ni we ugombye gufata iya mbere kugira ngo asobanurire abarimu icyatumye amafaranga abura, abura.

- Huu.

- Kuko ni we ushinzwe Gouvernement (inaudible) kuvuga rero ngo noneho ngo... ngo "amafaranga yabuze", ngo "abarimu barigaragambya kubera ko babuze umushahara" ngo "kandi kubura umushahara" ngo "ni uko Gouvernement itateranye ngo yige budget" ni ibintu byo kujijisha kuko ayo mafaranga ni umushahara w'ukwezi kwa cumi na kabiri k'umwaka ushize kandi budget y'umwaka ushize yizwe kera irimo kurangizwa ntago ari iy'ubu. Ubwo urabyumva na byo yabaye Ministre w'Amashuri Abanza n'ay'Isumbuye, (inaudible). Nkagira ngo ubaze ikibazo cyawe cya nyuma...

- Ikibazo cyanjye cya nyuma...

- Ee.

- Ni akabazo gatoya, ... (inaudible) (arimyoje) kerekeranye n'Inkotanyi hamwe na UWILINGIYIMANA Agata na... TWAGIRAMUNGU Fawusitini. Ibintu byose njye uko mbibona, mbona Inkotanyi zituramiye (inaudible) bacecetse, batwa... bakora analyse, (inaudible) batureba, batwinjiyemo ejo nigeze kuvuga nti habaye amasezerano y'Arusha, arasinywa, TWAGIRAMUNGU atanga Ruhengeri na Byumba barinjira, barinjira rwose. Ubwo ngubwo Arusha nyine yaranyobeye. Imaze kuba bati "noneho dusinye amasezerano ya Kinihira, i Kinihira basinya amasezerano y'i Kinihira na byo na byo biranywa bituma baza kugera hariya hakurya ku Kimihurura muri CND! Biba birahageze, ... (inaudible), hum! Bafite n'abandi benshi binjije muri uyu mujyi... (inaudible) kuri Radio RTLM, Inkotanyi rwose nta munsi zizasiba... twiririwana na zo. Hum! Baba bari hano bageze mu mujyi. ... (inaudible) HABYARIMANA Yuvenali yarebye ukuntu... le président de la République yarebye ukuntu yakora noneho amasezerano y'i Kigali na KANYARENGWE ? Hari ay'Arusha, hari aya Kinihira tukareba ukuntu twakora andi masezerano yitwa ngo "amasezerano ya Kigali" bati

"ubwo noneho... (inaudible) mu iki gihugu tukagira umunezero tukabana. Ntabwo byashoboka".

Njye ikintu nagira ngo mvuga cya mbere na mbere Noheli, Inkotanyi zinjiye kubera amasezerano y'Arusha, zinjira nyine ari Umutwe warwanaga kandi wagiranye amasezerano na Guverinoma. Niba rero Inkotanyi ziri hariya kuri CND njye icyo nazisaba gusa ni ikintu kimwe... ni ikintu kimwe ni uko zamenya koko ko ari Inkotanyi nyine kandi ko zarwanye n'u Rwanda, u Rwanda rufite Guverinoma iruyobora zikaba zitagomba kwivanga na rimwe mu bibazo bireba Guverinoma y'u Rwanda, mu bibazo bireba politike iri mu mashyaka. ...(inaudible) by'Inkotanyi noneho niba hari n'icyo zishaka kubaza zikibaze Guverinoma ariko nta burenganzira na bumwe zi... (le reste est inaudible).

***Face B***

***Orateur : HITIMANA Noheli, Journaliste à la RTLM***

... ariko abantu bose baragenda bahuruza bumva ko ari... mbese uwagira icyo akomoza ku bya politike biri hanze aha by'iki gihe, bakagenda bumva. Umuntu abaza undi ngo wowe nta cyo wari wamenya, ngo nta cyo wi... ntacyo uri kumva, ugasanga nyine nta cyo. Nkatwe nyine hano muri RTLM tumenya ibiriho, iyo bitariho ntitubimenya ahubwo hari umuntu unganiriye... yaranganirije (inaudible) ibyo bintu uwabibaza abandi. Him! Arambwiye ati "Inkotanyi... Inkotanyi zijya gushoza iyi ntambara nuko zagira ziti "turashaka natwe kugera muri iki gihugu, tugasubira iwacu, tugataha". Ibi ngibi rero byatumye intambara igera aho ngaho... aho bose babona ko kwirirwa barasana nta cyo bizababamarira bati "reka tujye Arusha tugirane amasezerano". Bajya ku meza baricara, baricara n'abahuza, hari umuhuza hari n'abandi banyamahanga bose babijyamo, bihagurutsa amahanga na Loni na OUA, ee... Zaïre, Tanzaniya ndetse n'ibihugu duhana imbibi byose, bose babijyamo... igihe kira... kiratinda, kiratinda barasinya, basinya Arusha, bamaze gusinya Arusha ubwo ngubwo murumva ko uwasinya Arusha ee... TWAGIRAMUNGU ari we bita Rukokoma we yari yarangije gutanga Byumba na Ruhengeri, baba bayigezemo. We yari yahababahaye hose ntabwo yabihakanye yarabyivugiye (inaudible), hum! Arahatanga, barahajyana. Ubwo baba bageze mu gihugu, bageze

mu gihugu bamaze gusinya Arusha bati "tura... n'ubu turacyafitanye ibibazo". Igihe bagifitanye ibibazo bajya i Kinihira, hakabaye za accords d'Arusha hanyuma hakubitaho accourd, accords de Kinihira na zo zatumye (inaudible) mu gihugu ni na zo zatumye baza bagera muri CND hano i Kigali. Ubwo bari kuza mu gihugu, baba bagiye muri CND. Noneho ba bantu bakibaza bati "ubwo biri kunanirana kandi barageze i Kigali, bari i Kigali ubwo nibegerane n'ubutegetsi bw'u Rwanda, KANYARENGWE abwire abantu be, HABYARIMANA na we abwire abe kuko ari na bo basinye bombi noneho rero habe les accords de Kigali". Hum! Les accords de Kigali rero ni zo zisigaye kugira ngo ikibazo kibonerwe umuti. Les accords de Kigali bazigire vuba bazikore les accords de Kigali hanyuma ibintu bisonuke, naho ubundi nta kundi byagenda, les accords d'Arusha zarabaye, hum! Rukokoma atanga Ruhengeri na Byumba barinjira bagezeyo bati "reka tukwereke ko... de Kinihira", zarabaye koko bagera i Kigali! Kugira ngo rero bisanzure mu gihugu bakore les accords de Kigali bahite bisanzura bajya hose. Ni..ni ko bimeze, hasigaye les accords de Kigali, nta kundi byagenda (arasetse), yewe politike we! Umuhesha w'inkiko mu rukiko rwa mbere... (interruption)

... Abatutsi ejo ba... bakugiriye batya bati "tugize umujinya" bati "batubujije kujya ku... kwihaniza Umututsikazi wacu, Premier Ministre Kinigi ngo tumwihanize yuko yemera guha ubutegetsi Abategetsi" ati "rwose yemere ntasinye... ntasinye kugira ngo adashyiraho Perezida w'Umuhutu ngo bongere kandi bashyireho undi Muperezida NDADAYE twaramwiyiciye, hum! Bongere bashyireho Umuhutu, ati "tugezeyo badutera...", him, babatera ibyotsi, abajandarume babateye bya byuka bihumisha kandi bikanaryana, noneho bariruka. Ba...birutse bati "nta kundi byagenda" bati "ubwo batwirukanye reka tukwereke". Bati "reka tu... tukwereke" bati "ariya mashyaka yagiye muri biriya bintu ari FRODEBU, ari UPRONA, ari RADES, ari na... ari na... (inaudible) n'andi mashyaka" bati "nibagende babyumve mubisobanuro by'uriya mudamu" bati "ariko rero tura... aba... abantu (arimyoje) bashyigikiye biriya bintu turabazi ni Abafaransa". Banyura kuri Ambasade y'Abafaransa bayijugunyamo amabuye, barayumvisha bati "n'Abanyarwanda", (arimyoje) hum! Bati "n'Abanyarwanda" bati "ariko kandi twanyura hariya OUA ishaka gukorera n'abasirikari ba OUA kugira ngo wenda BIKOMAGU afatwe kuko... (inaudible) umufata, yafatwa na nde se ? Mu Burundi se yabuze umufata, ni we Chef d'état général de l'armée, ni we utegeka ingabo zose, yafatwa na nde

se? Yafatwa n'uriya mugore si... (asetse atangara)! Siliviya! Siliviya nta kuntu yamufata. Hii! Ati "noneho rero" ati "na ho reka tuhumvishe biriya bizu bya EGR tubisenyagure", ubwo babinyujijemo amabuye barakubita, baba bageze kuri Ambasade y'u Rwanda ngo ba... n'amato... ho rero ni amatoni y'amabuye ngo ukuntu... AZIGERA Alphonse ukora muri Ambasade yacu i Bujumbura yabinsobanuriraga mu gitondo, aho nyine ati "ni amatoni y'amabuye, barateye tujya muri étage", bati "nuko twagize Imana inzu yacu igira étage, tujya muri étage, tujya muri corridor aba ari ho turyama, bashatse kwinjiramo... dusanga natwe dufite imbunda" bati "duhita turasa, turashe rero pee... baranyanyagira, banyanyagiye bamaze kubasanza bariruka ariko ntibiruka bagira ngo baragiye, batigiye hirya aho ngaho bagera... ku iduka ry'Umu FRODEBU w'Umudepite bita Dewo w'i Muramvya iwabo wa NDADAYE", bati "dore sha" bati "ngaha". Bati "nti... ntihagire ikintu musigamo". Baramenagura byose ibirimo baratwara, bati "ee... na ziriya modoka ahubwo..." (avuze yimyoza) za modoka za Abadiregiteri Jenerale bariya bashyiramo b'Abahutu bati "na zo turazimena".

Bamena imodoka ya Diregiteri Jenerale wa EGR, barayimennye, imodoka ya Diregiteri Jenerale wa OCIBU barayimena, imodoka ya Diregiteri Jenerale wa OTHEBU barazimena, mu gitondo inkuru nari mfite mu ma saa tatu nuko ba Ambasaderi bose, bose bari i Bujumbura bari basezeranye babwiye Ambasaderi wacu uri i Bujumbura ko bari buze kumuha pole, mu ma saa tatu bakazamuka aho ngaho kuri Ambasade bakareba ibyabaye, bakamuha pole. Ariko kandi ni byo navugaga iki gihugu... igihugu cy'u Burundi rwose bamenye ko u Rwanda ari igihugu cyigenga, ko Ambasade aho iri iba iri mu mwanya w'icyo gihugu cyose uko kingana. Iyo ugiye muri Ambasade rero ngo ugiye kuvegetamo cyangwa uteyemo ibuye uba uteye icyo gihugu, uba uteye icyo gihugu. Bari kuvuga bati "turakora ankete". BIKOMAGU se ni we urajya gufata abantu na we yumva ari mu mazi abira, niba O... OUA yohereje abasirikare ari we wa mbere barabanza kubaza uko byagenze? Ubwo rero ni ko bimeze.

Ariko kandi a.. .biryoha... tu... turangiza hano hari inkuru ingezeho rwose nziza y'Abatutsi bo mu Rwanda. Abatutsi bo mu Rwanda bose ntago ari Inkotanyi cyangwa ngo babe ari Inyenzi, ashwi da...! Ashwi da! Ahubwo hari Abatutsi bo mu Rwanda barengana, bareba ibi bintu bagasanga ibi bintu rwose bigiye kuboreka, bigiye kubagirira nabi. Hari Abatutsi bo mu Rwanda dushyize hamwe

ni abo mu ishyaka rya MRND, dushyize hamwe ba... banditse bati "tubijyane kuri RTLM, RTLM idusohorere inyandiko ya twebwe Abatutsi bo mu Rwanda", (ndabasomera n'amazina y'abasinye, amazina arahari), noneho rero tuvuge icyo dutekereza kuri ziriya Nkotanyi, ziriya Nyenzi. Mu... nimureke mwumve rero ukuntu babibona n'uko babivuga. Bati "Umu... Umututsi wese uzarengane ari inyenye... azira Inyenzi, azira Inkotanyi" bati "ntibishoboka". Reka mbisome rero neza uko byanditse nta cyo nongeyeho :

"Abatutsi bari mu ishyaka rya MRND, Muvoma iharanira Repubulika, Demokarasi n'Amajyambere ya rubanda b'i Kigali baramagana byimazeyo ubwicanyi n'ubuhotozi FPR itahwemye gukangisha Abanyarwanda ngo irabashakira demukarasi.

Ibyo FPR imaze gukorera iki gihugu cyacu nta wabisubiramo kuva bitwa Inyenzi kugeza ubu babatijwe Inkotanyi. None rero ikiduteye gushyira iri tangazo ahagaragara, nuko FPR yagiye ikunda kubeshya Abanyarwanda itaretse n'abanyamahanga ngo ntivangura amoko, ariko twababajwe no kumva Inkotanyi zifata umugabo NGEZE Hasani zikamubwira ko zimwica niziramuka zumvise ko hari Umututsi waguye mu myigaragambyo ku wa gatandatu tariki ya munani Mutarama mirongo cyenda na kane, zikamugira ingwate kumara amasaha atatu yose.

Abatutsi bari mu ishyaka MRND cyane cyane abari mu mujyi wa Kigali, twibajije niba FPR yarashatse kwereka Abanyarwanda cyangwa amahanga ko yaje kurengera Abatutsi bonyine nk'aho amategeko igihugu kigenderaho mu Rwanda ataturengera kimwe twese Abanyarwanda". Uhu! "Ubwo se bashatse kwereka cyangwa kumvisha Abanyarwanda ko Umututsi wese ari uri mu Rwa..., a... uri mu Rwanda ari Inyenzi-Inkotanyi? Turabiyamye rero be gukomeza kuduteranya n'Abahutu n'Abatwa twabanye kuva kera muri iki gihugu twari tumaze guteza imbeze bi... biturutse ku isabana..., twari tumaze guteza imbere... biturutse ku isabana ry'amoko ryari rimaze gushimangirwa na politike y'ubumwe ya Nyakubahwa Perezida HABYARIMANA Yuvenali dukomeje kwizera. Abanyarwanda bose bashyira mu gaciro turamushyigikiye.

Abatutsi dukunda Repubulika na demokarasi isesuye hatarimo uburiganya. Dukomeje rero...

dukomeje rero kwamagana ibyo byose byerekeranye na politike idahwitse izo Nkotanyi zishaka kuturohamo, tukaba tubasaba gushyira mu gaciro bakamenya kandi ko ubwumvikane n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ari byo byonyine bizatugarurira amahoro kuri twese bikatugeza kuri demokarasi nyakuri twifuza ishingiye ku matora". Abashyize umukono kuri iri tangazo, mubumve ni Abatutsi rwose ba hano i Kigali ni NKUSI Pierre, NDAHIRO Jean Baptiste, NKUSI Jean Marie Robert, KAMANZI Olivier, ISHIMWE Evelyne, MUKESHIMANA Marie, KAYISHEMA Dativa, MANIRABARUTA Marie Claire, KAYITENGERWA Immaculée, RUTAYISIRE Gabriel, NDAYISABA Antoine, KAREGEYA Félicien, KARIGIRWA Donata, BITOTORI Jean Nepomuscène, MUVUNYI Gaspard, u... RWAKAYIRO Anastase, KAYISIRE Emmanuel, UMUTERAMBABAZI Espérance, KAYUMBA Pierre Claver, MUTETELI Marie Louise, MUKAKIGELI Edite, SERUKA Bonnaventure, RUZINDANA François, KARASIRA Jean de Dieu na BAMUREKE Clémentine. Murumva rero ko aba Batutsi rwose ikibazo bafite gifite ishingiro. Bari muri MRND, muri MRND icyo bimirije imbere cya mbere na mbere ni ubumwe n'amahoro. Hum! Ubumwe n'amahoro baka... bagatiza umurindi Habyarimana Perezida w'i... w'iki gihugu HABYARIMANA Yuvenali bakamufasha bazi neza ko ari Abatutsi, ko bashaka kumvikana n'Abahutu bakabana muri iki gihugu. None se izo Nkotanyi zivuga ngo "dufashe umuntu nihagira Umututsi natwe turamwica", him ngo "turashe uwo Muhutu". Haa! Bamenye ko rwose Abatutsi bari ino aha ngaha ibyo... akaduruvayo bashaka kubazanamo bo ntibagashaka, ntibagashaka.

Iri tangazo ndarisiga aha ngaha uribuze gukora nimugoroba ndakeka ko yaba ari... GAHIGI Gaspard ndabona yoroheweho gatoya na we ndarimusigira nimugoroba agire icyo yongeraho abwire rwose Abanyarwanda ko ari Abahutu, ari Abatutsi icyo dushaka ari ukubana tugakorera iki gihugu. Ariko be kujya badu... oh ! Yewe ko bageze kuri CND ubu ntibarasobanukirwa neza ngo babone Umututsi n'Umuhutu ukuntu tumeranye? Ukuntu tumeze neza muri iyi Kigali yacu? Bitonde.
(un peu de musique)

... ba numvise bati "Noheli, Noheli, Noheli kuri radio" ati "urakenewe". Ni byiza rwose, ni byiza, kubera ko iyo umugabo akenewe ku rugamba tugomba kwitaba. Yee, sinari narwitabiriye ariko

kandi... iyo bimeze bityo umuntu aritaba. Nditabye rero. Bati "bite"? Bati "kora". Nakajeho reka nkore, reka dukore... uriya mudamu ndamubwiye nti shahu madamu uzajye urabanza umenye neza ko Noheli yaramutse ari muzima cyangwa ko yaramutse ameze neza, cyangwa ko arakazaho, kubera ko (arasetse) ye... inzitane ni nyinshi ejobundi NGEZE Hasani bari bamurigase nkanswe Noheli muba muzi yaramutse ate? Hum! (arasetse) Him! Ee... ubu ndaje turagerana saa sita nta kibazo kirimo, ndabagezaho amatangazo, ndabagezaho inkuru zishyushye, ubu ngiye gute... kureba igitega cyagera i Bujumbura ndebe ukuntu bimeze mu Burundi n'ahandi mu mahanga turebe uko bimeze nyuma tuganire kugeza i saa sita, umuziki...

Ee... yatubayeho, byabaye kuri Ambasade yacu ariko abakurikiye mu maradio n'abakurikiye hirya no hino mwumvise ko... Minisite... Ministre w'Ububanyi n'Amahanga we nk'uko yabivuze ejo, yarabivuze rwose ati "twiyemeje hano muri Leta y'u Burundi gusana byose, tugasana byose, indishyi z'akababaro mbese icy'u Rwanda rwifuza cyose kuri biriya byabaye nta n'imanza zibaye, nta n'izindi mpaka" bati "twemeye ko tugiye ku... kubibatunganyiriza tukabasubiza mu buryo bwanyu ku... ibintu byari bimeze". Ni ukuvuga rero ko i Burundi hagati y'u Rwanda n'u Burundi nta kibazo kikirimo, bamaze kwiyemeza ko bagiye ku... tunganya byose bagasana byose bati "bariya bari abasazi"! Ngo abo babikoze bari abasazi" ariko se hein Umututsi w'umusazi wamuvanye hehe ko ari ukwitonda, ham! Umututsi w'umusazi, umuntu iyo ari gatumwa aba ari gatumwa, hum! NDADAYE... ubwo ba... bagiye kuvuga ko abishe NDADAYE ari abasazi, hein! Ntibishoboka, ntibishoboka, ntibishoboka ni ukwimenya, tukimenya, aho turi tukimenya naho ubundi kuvuga ngo umuntu yarasaze, asara he se? Ngo abana barasaze, wakwiga université uri umusazi? Hum! Warangiza école secondaire uri umusazi? Abo basazi se basara bate? Basarana n'ababyeyi babo noneho hum, noneho bafite uko... aravuga ngo wenda Abatutsi bafite ukuntu biga ubwenge bakivuka bakabukurana bakabugeza muri université nyuma bagatera amabuye Ambassade y'u Rwanda. Murumva rero ko ari ibintu bikomeye! Ni ibintu bikomeye i Bujumbura n'ubwo bemeye ngo bazabisana, bazabisane, hum! N'amafaranga ari mu ma coffres yose ngo... amafaranga baratwaye za... amadolari, amaki, ee... amadolari yose, aha...! Comptable wa Ambasade na we azababwire ati "njyewe amadolari nari mfite aha ngaha ni umushamato ukuntu rero angana ni uko nguko. Bazabyishyure, ubwo ni u Burundi

bugiye kubyishyura nyine, bazishyure, bazishyure.

Ariko kandi... nk'uko mwe mwabyumvise uriya... madamu, Premier Ministre w'u Burundi we ntabwo yabaye nka Madamu wacu Agata ngo buri gihe agende yi... yivuguruza, yivuguruza, Madamu KINIGI ntabwo yivuguruje. Madamu Kinigi ntabwo yivuguruje yatumye ibintu bijya mu buryo, yatumye bijya mu buryo rwose baratoye ejo. Ejo baratoye nk'uko mwabyumvise ku maradio batoye neza ndetse NTARYAMIRA Sipiriyano... NTARYAMIRA Sipiriyani ubu ngubu kuva ejo bamutoye habuze ijwi rimwe hum, kuko yabonye mirongo irindwi n'umunani kuri mirongo irindwi n'icyenda y'abatora, ubanza ari irye ahari yabuze, simbizi ariko rero yabuze ijwi rimwe gusa abantu bose baramutoye kugira ngo abe Perezida w' u Burundi. Hum! NTARYAMIRA Sipiriyano rero ubu ngubu ntabwo ararahira, hum, aracyategereje ko la Cour constitutionnelle hem, ibyemeza kuko hari Urukiko nyine... rucunga... ni rwa Rukiko rw'ino aha ngaha rwa KAVARUGANDA rugomba ku... n'i Burundi rurahari, rugomba kubyemeza, rukabisinyira noneho bakagira itariki uriya mugabo azarahiriraho kuba Perezida w'u Burundi turategereza. Ariko ubu ngubu Perezida w'u Burundi watowe ejo yitwa NTARYAMIRA Sipiriyani. Cyprien NTARYAMIRA. Ni yo nkuru dufite ivuye i Bujumbura aka kanya naho ubundi i Bujumbura ho ngo rwose abantu bose ngo bagiye mu mutuzo ngo bose bahise bajya mu mutuzo. Bose bagiye mu mutuzo nta... yewe nta n'imbeba itamba bivuga ngo hari amahane, nta kintu cy'u... nabajije umuntu wavuye i Bujumbura mu gitondo twabonanye ndamubwira nti ese sha... e... nti za boîtes de nuit i Bujumbura buriya baracyaceza? Hum! Uhum! Ati "icyo utazi ni Umututsi" ati "baraceza nyine". (araseka) Ati "baraceza rwose, mu isoko biragenda" ati "mba" ati "uretse za quartiers zimwe" i Burundi bafite amakaritsiye. Amakaritsiye y'u Burundi rero amwe nta Mututsi wakwinjiramo ntibishoboka, hum! Barayagose Abahutu bari mu makaritsiye Umututsi atakwinjiramo. Hanyuma quartier rero harimo Abatutsi b'Abarundi, ubwo ni igice cya kabiri, hanyuma quartier rero igishekeje harimo Abanyarwanda b'Abatutsi him, b'Abanyarwanda, nta Mututsi w'Umurundi wakwinjiramo nta n'Umuhutu w'Umurundi wakwinjiramo muri quartiers z'abo Banyarwanda, muri OKAF, hum! Muri OKAF ushyikijemo akarenge ngo uri Umurundi bakumena, hum, bakumena! Urumva rero iby'i Burundi ubungubu ngo intambara ahubwo hagati y'Abahutu n'Abatutsi i Burundi ngo iyo ntambara isa n'iyangiye, isa n'iyarangiye, ndavuga ngo

isa n'iyarangiye ahubwo noneho ngo i Bujumbura ikibazo gihari... ikibazo kiri i Bujumbura nk'uko nabyumvise ni ikibazo kiri hagati y'Abatutsi b'Abanyarwanda bahungiye i Burundi bari i Bujumbura kandi bafite amafaranga n'Abarundi, Abarundi bose Abatutsi n'Abahutu, hum! Abarundi bose Abatutsi n'Abahutu hamwe barimo bararwana nyine bashyamiranye n'Abatutsi b'Abanyarwanda bari i Bujumbura. Ni ikibazo rero icyo kibazo niba ari abantu bo muri OUA bazagikiza ndumva ngo u Burundi bwacyo, bwabo batagishobora, kugishobora birakomeye, none se ko ari Abanyarwanda bari kurwana n'Abarundi kandi bari i Bujumbura bafite amaquartiers yabo biyubakiye, bakomeyemo, him! Namubajije nti ese ubwo mu bucuruzi bimeze bite? Yanshubije ati "mu bucuruzi burya iyo ugiye i Bujumbura" ati "amabutike menshi ni ay'Abahutu burya", ati "Abahutu ni bo bafite amabutike", ati "naho Abatutsi bagira twa boîte, utuntu two ku..mbese tw'urunyweru, two kuganiriramo nu... ni two bagira", ati "ariko ikitwa boutique, iyi boutique ipakiye ikomeye iba ari iy'Umuhutu" ati "ni ko bimeze", ati "ariko rero..uretse ko ubu ngubu mu isoko ni mu isoko ibintu birahenda, birahenda, ikiro cy'ibirayi magana ane", ni ko bimeze, ni ko bimeze ibintu byarazamutse biteye ubwoba i Bujumbura, kubaho ni ukugira idovize.

Dufite saa yine n'iminota mirongo itatu n'itanu hano i Kigali twumva umuzika iby'u Burundi mbaye mbihagarikiye aho ngaho, igitega cyanjye nikimbwira ibindi ndababwira.

A... muri CND akorana... na ziriya... Nkotanyi, ejo yarambwiye ati "ikibazo mfite" ati "jyewe nari ndi n'umufundi hariya mu Nkotanyi", (arimyoje) ati "ariko ba... bambwiye ko kubera ko ndi Umuhutu", ati "ko badushyize kuri lisite" ati "abantu bavuye muri Cyumba, Cyungo, muri Muvumba", ati "ko badashaka kugira ngo twongere dukore hariya muri... CND". Yaraje rwose arimo arira ati "ahubwo ndabwira abantu b'i Byumba bene wacu bose, bose ko uwabaye Konseye, uwabaye Umuselire, uwabaye Umupolisi, mbese uwabaye umukozi, umuntu wese uzi ubwenge wo muri, hein, muri za Komine zose zafashwe n'Inkotanyi" ati "ko bose bari kuri lisiti banyeretse". Barayimweretse koko uwo mugabo ati "nanjye nasanze ndiho" ati "barambwiye ngo ningendere", ati "rwose baravuze ngo twitoje gisirikari kuko kuva rero twitoza gisirikari ngo ntibakidushaka kuko ngo bazaduhiga batwice batumare".

Naramubwiye nti jya kuri parike rwose urebe ukuntu wakwishingana RTLM ntabwo ari ho bishingana nti jya kwishingana kuri parike wenda bagira icyo bazakumarira. Ati "oya" ati "uzabimvugire uvuge ko ubabwire bariya bene wacu bose ko ilisite iriho" ati "ilisiti iriho yo kutumara, irahari". Ubwo... numva ko Inkotanyi zumva RTLM, bafite na service d'écoute iyumva rwose igakora n' analyse ikanariza byose, byose ibyo tuvuga. Ibyo turabizi, turabizi rwose ntibaduhindure ibicucu ariko nta kibazo, ahubwo ikibazo mfite, mfitanye... na GAHIGI Gaspard si icyo kibazo uretse ko yambwiye n'akandi kantu ati "mbese" ati "kiriya gitama bafite kiria ki... kiriya gitama kigiye gusa n'umukara n'umweru" ati "bafite cy'ikimana cyabo" ati "cyo kuki mutajya mukivuga"? (arasetse cyane) Narasetse rero ubwo bafite urwo rutama rero urwo rutama rwabo ni imana yabo, nti ariko umuturage bayatse arazwi kandi uwo muturage bayatse umunsi azajya kuyibasaba afite ibindi azabaterereza. Naramubwiye nti afite ibintu azabaterereza, baza... bazabyitege kuko na we twaraganiriye. Nyir'iyo ntama twaraganiriye, nyir'iyo ntama uwo izakoraho ni akazi ke.

GAHIGI Gaspard...

GAHIGI Gaspard : Iyi ntama njye njya numva... abantu babonye ya cassette ngo y'igihe bakoze found-raising hariya ku Mulindi cyangwa ni i Kinihira...

***Noheli HITIMANA :*** Ni ku Mulindi.

***GAHIGI Gaspard :*** Yee.

- E...

- Abantu bambwiye ko bayibonye muri videwo, hari n'umuntu wambwiye ngo yayibonye hariya ngo kuri CND...

- E... irahari, ikora na défilé.

- Njye icyakora ntago ndayibona ubwo rero niba bakemera imana y'intama, njye simbizi ariko njye ku bwanjye ntabwo nemera iby'iyo mana y'intama njye ntabwo mbyemera.

- GAHIGI Gaspard rero Madamu Agata... Premier Ministre yaraye avuze ibintu byahise ku maradiyo, hum, ibintu yavuze ko wabyumvise ko hari hakubiyemo n'ibintu bitureba, bireba ngo n'amaradiyo y'andi, ibyo bintu wowe wabyumvise ute ? Tubiganireho gato.

- (arimyoje) Ibyo bintu jye nabyumvise nabi Noheli, njye numva ko umunyapolitike wo mu rwego rwa Ministre w'Intebe iyo afashe ijambo agomba kuba avuga ati "mfite koko icyo ngiye kugeza ku Banyarwanda, ku baturage nyobora". Ibyo rero Ministre w'Intebe Madame UWIRINGIYIMANA Agata yaraye avuze njye mbona bitari mu rwego rw'umunyapolitike wa Ministre w'Intebe. Njye ndetse byanyibukije iby'umuturage witwa Cencinatusi w'Umuromani, demokarasi yaduka baravugaga bati "demokarasi, ubutegetsi ni ubw'abaturage", noneho baza gufata umuturage wahingaga witwaga Cencinatusi, baramujyana bati "ngaho nawe tegeka", nuko bamugejeje mu ngoro y'abategetsi biramuyobera a... abura aho ahera, abura ibyo avuga, (arimyoje) nkabona rero njye muri iyi nzibacyuho (Noheli arasetse cyane ) dufite abategetsi bameze nka ba Cencinatusi, baza bakava mu cyaro mu murima, noneho koko yagera mu butegetsi akabura aho ahera, akabura aho ajya, akabura aho ava, nuko akavuga disikuru idafite umutwe n'ikibuno, njye ntabwo nshaka gutukana ariko ibintu Ministre w'Intebe Madamu UWIRINGIYIMANA Agata yavuze numva bidakwiye umunyapolitiki uri mu rwego rwa Ministre w'Intebe. Uti "kuki"? Aravuga ati "urubyiruko ruricana.

- Uhum!

- Ati "grenades ziraterwa abantu amanywa ava".

- Ni bwo yabibona?

-Ati "imyitozo", ati "irahabwa urubyiruko",

- Hum!

- Wenda buretse mbe ndekeye aho, n'ibindi n'ibindi... kandi ibyo bintu avuga byose birerekana ko abaturage nta mutekano bafite.

- Nda... nda (inaudible)

- Kandi ni Ministre w'Intebe ubivuga kandi ubundi Gouvernement icyo ibereyeho cya mbere na mbere ni umutekano w'abaturage kandi bikavugwa na Ministre w'Intebe. Ni ukuvuga rero ko niba Ministre w'Intebe adashoboye guhosha ibyo bintu kandi ari we ubishinzwe, ari we ushinzwe Gouvernement ni ukuvuga ko byamunaniye.

- Hum! Ya...

- (inaudible)

- Ubundi iyo uvuze rero nk'ibyo mu bindi bihugu cyangwa mu bantu bazi politike ni ukuvuga ko bigomba gukurikirwa no kuvuga ko weguye !

- Hum.

- Njye rero numva ibintu abantu bavuga ukugira ngo si we wivuga, aravuga ati "umutekano uraniniye" kandi ni we uwushinzwe. Ati "urubyiruko rurakora imyigaragambyo", ati "ruricana". Babibujije se?

- None se nyine!

-Yabibujije ko ari we ubishinzwe ko ari Ministre w'Intebe nyine. Ibyo bintu rero njyewe sinzi niba ari we uvuga cyangwa niba yumva ko ari we uvuga ari Ministre w'Intebe cyangwa ari wa muturage

Cencinatusi uza aka... byayobeye uko yabigenza a... ati "biranyobeye". Biramuyobeye nyine. Niba bimuyobeye rero njye mbona uretse ko ba... ya... asa n'uwasezerewe wa mugani...

- Ariko ?

- Ariko baza ikibazo cyawe ariko njye ntago numva...

- Gahi...

- Iyo umuntu ushinzwe umutekano avuga ati "urananiye". None se ukorwe na nde ko bimunaniye kandi ari we twahaye ubutegetsi twe rubanda?

- (arimyoje) Hari ka paranthèse nagira ngo tunyuzeho gato umbwirire uyu Mudamu cyangwa ubwire rubanda, ubwire Abanyarwanda muri iyi Radio RTLM, Umudamu Premier Ministre wize amashuri akaminuza, akigisha amashuri yigishije i Save ndabizi, rwose afite ee... n'umuganji we na we a... ayigisha Muvunyi... muri université! Ni abantu rwose mu rugo bagomba kwicara bagatekereza, bakavugana, bakavuga bati ibi bintu bimeze bite? Uwo Muministre w'Intebe uvuga ati "nemeye ko Lando ari premier vic... Premier vice président w'ishyaka". Akemera ko Madamu hum, Venansiya, hum? Si ko yitwa? Ni Venansiya.

- Huu.

- Ati "nabe Premier ministre w'ishyaka, ishyaka rimwe". Akaba ari umudamu uzi neza ubwenge akemera 2 premier mi... 2 premier vice pré...vi... vi... vice-président b'ishyaka, babiri, ba vice premier b'ishyaka, akavuga ngo "noneho liste nayijyanye kwa Perezida wa Repubulika" agiye kumwoshya ati "dore bwana Perezida Abadepite ugomba kwemera". Ariko se ubu turi mu bihu? Turi mu ki? Turi mu gihugu cyaboze? Turi mu ki?

- Ubwo... Ministre w'Intebe muri iryo jambo yaravuze nimugoroba yasaga n'uvuga ko Perezida wa Repubulika ari we udindizwa... udindiza ishyirwaho ry'A...badepite b'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho Yaguye ndetse na Gouvernement ee... y'Inzibacyuho Yaguye izaba irimo na FPR. Abumvise iryo jambo rwose bumvise ko a... babivuga ati "ni we ubidindiza". Hanyuma ikintu cyantangaje, ni cyo gituma mvuga nti abanyapolitike b'abaturage ntakigenda. Aravuga ko ari we uzanga ibyo bintu, ko ari we ubibuza kujyaho, arangije aravuga ati "imishyikirano Perezida arimo kugirana" ati "twizere ko haricyo izageraho" ati "tumuhanze amaso".

- Ee.

- Noneho bikavugwa na Madamu UWIRINGIYIMANA Agata, ati "imishyikirano Perezida arimo kugirana n'amashyaka cyangwa n'abandi" ati "tu... tumuhanze amaso". Akavuga ati "imishyikirano arimo kugirana" kandi ari we wavugaga ati "naze arahize abantu"!

- Ehein!

- None se iyo mishyikirano Perezida arimo kugirana ko ayemera ko arimo kuyigirana kandi ko ayihanze amaso yavugaga noneho ngo aze arahize ba nde?

- Ari Premier Ministre ba...

- Ari Premier Ministre ubivuga.

- Uruhare afitemo muri iyo mishyikirano ni iyi... ni uruhe?

- Ni uruhe?

- Cyangwa bamushyize hanze yemere ko ari hanze?

- Ibyo rero na none ku muntu ukina politike ntabwo bihwitse!

- Aa...

- Ntabwo bihwitse na.. .ni ikintu kitumvikana, ibintu byo guhutiraho i... ubwo kandi (arimyoje) nakunze kuvuga nti umunyapolitike uba haut-parleur ntabwo aba ari byo kuko twamenye... twamenye... njye namenye ubwanjye ko mbere y'uko uriya Mudamu avuga ririya jambo, Madamu UWIRINGIYIMANA Agata, KAVARUGANDA yiriwe muri Primature. Dufite ibimenyetso bitwereka ko Kavaruganda yiriranywe na we, tugakeka ko n'iriya discours ari discours yabo nyine muri ka kaduruvayo ko gukora coup d'état. Ubundi iyo ufashe ijambo uri Ministre koko, uri umunyapolitike, uri Premier Ministre, ufite programme, ufite inshingano wahawe, iyo ufashe ijambo tuba tuzi ko ugiye kutubwira aho ugeze, aho ugejeje izo nshingano, ibyakunaniye n'icyatumye bikunanira kugira ngo abantu bagutize ingufu. None se uri... ahubwo uraza urega abo bantu ngo "barakunaniye", ngo "urubyiruko rurakora imyigaragambyo", ngo "abantu" ngo... ngo "radio", ng... ngo... ngo irite... ngo "irateranya amoko", radio avuga yigenga...

- Ni iyacu, ni RTLM.

- Nta yindi radio iri mu Rwanda yigenga uretse RTLM. Koko niba ari Ministre w'Intebe, erega sinzi niba uzi kuba Ministre w'Intebe cyangwa no kuba umutegetsi ni contrat burya umunyabwenge aba asinyanye n'abaturage.

- Ministre mu Kilatini ni umugaragu. Hii.

- Bati "tuhagararira aha kuko turi abaturage tudafite ubwenge kandi igihugu cyarakwigishije, dusinyanye contrat uhaduhagararire udutegekere noneho ubwo uzaduhe raporo". Ni ukuvuga ko Madamu UWIRINGIYIMANA Agata afitanye contrat n'abaturage icyananirana cyose bagomba kumufasha bakagikora, ndavuga abo baturage, RTLM se niba avuga ati "ndi Ministre w'Intebe,

rubanda mwampaye ubutegetsi none hari iradiyo iteranya amoko", hari ikintu wigeze wumva akora kugira ngo abuze iyo radio guteranya amoko? Yari yaza hano se ngo aze abivuge?

- Arayisenya se?

- Ese kuki atayibujije guteranya amoko?

- Cyangwa aze abivuge.

- Ahubwo rubanda rwabimurega!

- Ee... none se!

- Kuko rwamuhaye ubutegetsi kugira ngo arutegekere. None se ubu ngubu aravuga ngo biramunaniye yigeze abibwira rubanda ati "nimumfashe mbonye iradiyo ii... iteranya amoko mumfashe tuyi...vaneho cyangwa tuyikosore biramunanira. None ngo... ngo... ngo "abonye radio iteranya amoko"! Ayibonye arangije se? Arangije mandat ye !

- Hum!

- None se yakoze iki? Mbese ubu rubanda rumubajije ruti "wakoze iki igihe ugiriyeho? Ugenda mu mamodoka, amapikipiki akugenda inyuma, abasirikare wakoze iki?" Ubu yatanga bilan yihe? Bilan atanga ni uko avuga ngo abaturage ahubwo ngo ni bo bamunaniye. None se abaturage niba bamunaniye baramushyizeho ubwo yavuga iki? Njye rwose hari ibintu ntasobanukirwaho, nkumva rero dukora politike nk'iya Cincinatusi nakubwiye wa muturage bavanye mu murima i Roma bamujyanye gutegeka noneho biramunanira kuko atari afite culture y'ubutegetsi, nkabona muri iyi Nzibacyuho dufite ba Cincinatusi benshi.

- Mu minota itandatu turaba dufite (inaudible)

... Premier Ministre Uwiringi..UWIRINGIYIMANA Agata yaraye atangaje kuri Radio Rwanda ya... (interruption)

***Fin de la face B.***

- FIN -